

5. Iyo umukozi agize impungenge cyangwa amakanga ku bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyangwa ihohoterwa rikozwe n'umukozi muganziwe cyangwa undi wese, agomba kumenyesha ababishinzwe akoresheje uburyo bwashyizweho bwo gutanga raporo n'amakuru.

6. Abakozi n'abayobozi gushyiraho uburyo bwo bukwiye bwo gukumira no kurwanya gusambanya no guhohoterwa. Abayobozi mu nzego zose bafite inshingano zihariye zo kubishira mu bikorwa.

GUSHYINGIRANWA

Imibonano mpuzabitsina n'abantu bari muni yimyaka 18 (abana) hagamijwe gushyingirwa cyangwa mugihe ubukwe bwazerekanijwe ni amahano kandi birahanirwa.

GUTANGA IBIREGO N'AMAKURU

Amakuru n'ibirego byerekeye Ihohoterwa rigamije indonke n'ishimisha mubiri bitangwa kuri:

- Polisi
- RIB
- Abayobozi b'inzeho z'ibanze

Imirongo itishyurwa yo gutangiraho amakuru:

- Umurongo wa telefoni ya Polisi: 112/Ishami rishinzwe GBV: 3512
- Umurongo w'Ubugenzacyaha (RIB): 163
- Isange One Stop Center : 3029
- Umurongo utishyurwa kuri GBV yakorewe umwana: 116
- Umurongo wa telefoni utishyuzwa w'Ingabo z'Igihugu: 3945
- Umurongo wa telefoni utishyuzwa w'Ubushinjacyaha: 3935
- Umuvunyi : 199 igihe wahuye n'akarengane.

**DUSOBANUKIRWE N'IHOHOTERWA
RISHINGIYE KU GITSINA
RIGAMIJE INDONKE
N'ISHIMISHA MUBIRI**

Ihohoterwa rigamije indonke n'ishimisha mubiri bisobanuye:

Kugerageza guhohotera cyangwa

guhohotera umuntu witwaje:

(a) Intege nke z'uhohoterwa;

(b) Ubusumbane bw'imbaraga n'ubushobozi;

(c) Cyangwa icyizere wagiriwe;

Hagamijwe byimibonano mpuzabitsina n'izindi nyungu zigamije

ishimisha mubiri, kunguka amafaranga no kugira umwanya

mwiza mu buyobozi bivuye

mubikorwa byo gusambanya undi

GUSAMBANYA KU GAHATO

BISOBANURA:

Kwinjiza cyangwa cyangwa

gukangisha kwinjiza igitsina

cyangwa ikindi kintu mu gitsina

cyangwa urundi rugingo

rw'umuntu

bigamije imibonano mpuzabitsina

cyangwa irindi

shimisha mubiri. bishobora kubaho;

(a) ku ngufu;

(b) Ubusumbane bw'ububasha

n'ubushobozi;

(c) Kugahato.

Amahame atandatu yibanze agamije kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigamije indonke n'ishimisha mubiri

1. Imibonano mpuzabitsina no

gusambanya ku gahato

abagenerwabikorwa bikoze n'abakozi b'imiryango nterankunga

ni ibikorwa by'imyitwarire mibi kandi

itemewe, birahanirwa

ndatse harimo no kwirukanwa ku kazi.

2. Gukorana imibonano

mpuzabitsin n'abana

(abantu bari muni yimyaka 18)

birabujijwe kandi birahanirwa.

kwibeshya ku myaka

y'umwana ntabwo ari ntibikuraho

icyaha ndetse no kugihanirwa.

3. Birabujijwe gutanga amafaranga,

akazi, ibiribwa cyangwa

serivisi nk'ikiguzi cy'imibonano

mpuzabitsina cyangwa

gutoneshwa cyangwa guteshwa

agaciro cyangwa kugurana

imibonano mpuzabitsina ubufasha

busanzwe bugenewe

abagenerwabikorwa.

4. Ubusabane budasanzwe hagati y

abakozi n'abagenerwabikorwa

bushingiye ku bubasha

bw'utanganga ubufasha (umukozi)

burabujijwe kuko butesha agaciro,

icyizere n'ubusugire

bw'imirimo y'umuyobozi cyangwa

umuryango nterankunga.